**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyobozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda (RDF HQ)**
**Ishami rishinzwe Abakozi n'Ubutegetsi (J1 Department)**
**P O Box 85 KIGALI**

# ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA

1. Ubuyobozi bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rw'abasirikare bato ko ibizamini by'ijonjora bizatangwa guhera tariki ya **1 kugeza kuya 11 Werurwe 2023**.

2. Abahamagawe ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:
    a. Kuba uri Umunyarwanda;
    b. Kuba ufite imyaka 18 kandi utarengeje 23;
    c. Kuba ufite ubuzima buzira umuze;
    d. Kuba utarigeze uhamwa n'icyaha;
    e. Kuba udakurikiranweho icyaha;
    f. Kuba utarirukanwe burundu mu kazi ko mu butegetsi bwa Leta keretse warakorewe ihanagurwabusembwa;
    g. Kuba utagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta;
    h. Kuba uri indakemwa mu mico no mu myifatire;
    i. Kuba ufite ubushake bwo kwinjira mu Ingabo z'u Rwanda;
    j. Kuba ufite icyemezo kigaragaza ko warangije byibuze amashuri 3 yisumbuye kuzamura.

3. Ibyangombwa bazitwaza igihe cyo gukora ibizamini
    a. Indangamuntu;
    b. Icyemezo cyerekana ko warangije amashuri atatu yisumbuye no kuzamura;
    c. Icyemezo cy' ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'Umurenge;
    d. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

4. Ibizamini by'ijonjora bizakorwa kuva tariki ya **1** kugeza **kuya 11 Werurwe 2023,** saa mbiri za mu gitondo aha hakurikira:

    a. **Intara y'Amajyaruguru**, akarere ka Gicumbi ni kuya 1 Werurwe kuri Sitade ya Gicumbi. Mu karere ka Burera ni kuya 2 Werurwe ku biro by'akarere. Mu karere ka Musanze ni kuya 3 Werurwe kuri Stade Ubworoherane. Mu karere ka Gakenke ni kuya 4 Werurwe ku kibuga cy'umupira cya Ngando. Mu karere ka Rulindo ni kuya 5 Werurwe ku kibuga cya Gasiza.

b. **Mu ntara y'Amajyepfo**, mu karere ka Nyamagabe, ni kuya 1 Werurwe kuri Sitade ya Nyamagabe. Mu karere ka Nyaruguru ni kuya 2 Werurwe ku kibuga cy'umupira cya Ndago. Mu karere ka Gisagara ni kuya 3 Werurwe ku biro by'akarere. Mu karere ka Huye ni kuya 4 Werurwe kuri Sitade ya Huye. Mu karere ka Nyanza ni kuya 5 Werurwe kuri Stade i Nyanza. Mu karere ka Ruhango ni kuya 6 Werurwe ku biro by'akarere. Mu karere ka Muhanga ni kuya 7 Werurwe kuri Sitade ya Muhanga. Mu karere ka Kamonyi ni kuya 8 Werurwe ku biro by'akarere.

c. **Mu ntara y'Iburasirazuba**, mu karere ka Kirehe ni kuya 1 Werurwe ku biro by'akarere ka Kirehe. Mu karere ka Ngoma ni kuya 2 Werurwe i Ngoma ku kibuga cy'umupira. Mu karere ka Nyagatare ni kuya 3 no kuya 4 Werurwe ku kibuga cy'umupira cya Nyagatare. Mu karere ka Gatsibo ni kuya 5 Werurwe ku biro by'akarere ka Gatsibo. Mu karere ka Kayonza ni kuya 6 no kuya 7 Werurwe ku biro by'akarere ka Kayonza. Mu karere ka Rwamagana ni kuya 8 Werurwe ku biro by'akarere i Rwamagana. Mu karere ka Bugesera ni kuya 9 Werurwe ku kibuga cy'umupira cya Bugesera (Sitade).

d. **Mu ntara y'Uburengerazuba**, mu karere ka Ngororero ni kuya 1 Werurwe kuri sitade ya Ngororero. Mu karere ka Nyabihu ni kuya 2 Werurwe mu kigo cya gisirikare cya Mukamira. Mu karere ka Rubavu ni kuya 3 Werurwe kuri sitade ya Rubavu. Mu karere ka Rutsiro ni kuya 4 Werurwe kuri sitade ya Rutsiro. Mu karere ka Karongi ni kuya 5 Werurwe ku biro by'akarere ka Karongi. Mu karere ka Nyamasheke ni kuya 6 Werurwe ku biro by'akarere. Mu karere ka Rusizi ni kuya 7 Werurwe kuri sitade ya Rusizi.

e. **Mu mujyi wa Kigali** ni kuya 6 Werurwe mu karere ka Nyarugenge kuri Sitade ya Mumena. Mu karere ka Gasabo ni kuya 7 Werurwe kuri Sitade ya ULK. Mu karere ka Kicukiro ni kuya 8 no kuya 9 Werurwe kuri Sitade ya IPRC Kicukiro.

5. Iri tangazo mushobora kurisoma kandi ku rubuga rwa Minisiteri y'lngabo www.mod.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, kuya 24. Mutarama 2023

RWANDA DEFENCE FORCE HQ - OFFICE OF THE CHIEF J1
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE UMURIMO GUKUNDA IGIHUGU

**Lambert SENDEGEYA**
Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi n'Ubutegetsi mu Ngabo
z'Igihugu (RDF)